IKINYARWANDA

Itariki 19/06/2024
Isaha : saa munani-saa kumi (14h00-16h00)

IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3 IMBONERA Y'IKOSORA

IKICIRO: **AMASHURI ABANZA**
UMWAKA WA: **KANE (P4)**

GS GIKOMERO

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15)

1) Uyu mwandiko ni umugani muremure. **(1)** Utangizwa na « umunsi umwe » **(1)** kandi urimo n'amakabyankuru. **(1)** **(amanota 3)**
2) Ukurikije umwandiko: **(amanota 3)**
   (a) Umubu watangiye utonganya inzovu kuko yari imaze kuwicira abana **(1)**
   (b) Impamvu umubu wiyemeje kurwana n'inzovu kandi bitanganya imbaraga ni uko wari uzi amayeri uza gukoresha ugatsinda inzovu. **(1)**
   (c) Impamvu umubu wabwiye inzovu ngo nibijya kurwana umugore n'abana babe bari hafi kwari ukugira ngo umubu ubagweho hanyuma inzovu nijya kwica umubu ibice **(1)**
3) Ibintu inzovu yishe n'inkota ishaka kwica umubu ni umugore wayo **(1)**, umwana wayo **(1)** na yo ubwayo. **(1)** **(amanota 3)**
4) Gusobanura amagambo yakoreshejwe mu mwandiko: **(amanota 3)**
   (a) Umugobora: umutonzi **(1)**
   (b) ngusogote: ngukubite inkota **(1)**
   (c) igwa intagarane: igwa amaguru atandukanye **(1)**
5) Imigani y'imigenurano wacira inzovu :**(amanota 3)**
   - Ubugabo si ubutumbi **(1)**
   - Uguhiga ubutwari muratabarana **(1)**

Downloaded by HAGUMA ANACLET on Thu, 20 Jun 2024 06:34:06 CAT

- Ubugabo si ubwuzuye inzira **(1)**
- Umugezi w'isuri urisiba
- Akagabo gahimba akandi kataraza
- Nyiri ubwenge aruta nyiri uburyo

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

6) Uturemajambo tw'ijambo ritsindagiye:**(amanota 3)**

impamvu : i-n-hamvu **(1)** n → m/-h **(1)** mh → mp mu myandikire **(1)**

7) Umumaro w'amagambo atsindagiye mu nteruro: **(amanota 3)**

(a) **imyenda** ni icyuzuzo **(1)**

(b) **arakosora** ni inshinga **(1)**

(c) **Gatete** ni ruhamwa **(1)**

8) Kuzurisha indangahantu zikwiye: **(amanota 2)**

(a) Shyira iyo sahane **ku** meza. **(1)**

(b) Kamana agiye **i** Kabgayi mu misa. **(1)**

9) Ubwoko bw'interuro zikurikira:**(amanota 2)**

(a) Ihute vuba ubanguke udakererwa. Interuro itegeka **(1)**

(b) Kaneza yiga mu mwaka wa kane. Interuro ihamya **(1)**

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 15)

10) Ubwoko bw'imvugo zikurikira : **(amanota 3)**

(a) Ndi nyamugenda mu bimbere singenda mu b'inyuma ni nge nyambo yogeye! Ikivugo cy'amahomvu **(1)**

(b) Nyiramakangaza ngo mutahe! Igisakuzo **(1)**

(c) Akarenze umunwa karushya ihamagara. Umugani w'umugenurano **(1)**

11) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 3)**

(a) Turaye ubuzima zumye! amahembe y'inka **(1)**

(b) Ngesa bumera! Umusatsi **(1)**

(c)Bihogo bya Birahinda ntitanga iratiza ! Imana **(1)**

12) Andika umugani w'umugenurano ufatiye ku bikurikira : **(amanota 3)**

GS GIKOMERO

Downloaded by HAGUMA ANACLET on Thu, 20 Jun 2024 06:34:06 CAT

(a) Ubupfura : Ubupfura buba mu nda **(1)**/ Amarira y'umugabo atemba ajya mu nda

(b) Ineza : Gira so yiturwa indi **(1)**/ Akebo kajya iwa mugarura

(c) Inda: Inda nini yishe ukuze **(1)** / Uburana urubanza rw'inda ntatsindwa

13) Tanga ingero eshatu (3) z'amagambo y'impuzashusho. **(amanota 3)**

- umusambi **(1)**
- ikirere **(1)**
- intama **(1)**
- inkoko
- ikiraro
- kuvura
- guhaga

14) Ahantu hashobora gukoreshwa inyuguti nkuru: **(amanota 3)**

- Mu ntangiriro y'interuro **(1)**
- Inyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro **(1)**
- Inyuma ya "ati, atya, atyo, na "ngo", bikurikiwe n'utubago tubiri **(1)**
- Ku mazina bwite aho yanditse hose ...

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 10)

15) Kwandika akandiko kagufi katarengeje imirongo cumi n'itanukavuga ibiribwa n'ibinyobwa binyuranye wategurira icyarimwe kugira ngo ube uteguye indyo yuzuye.

(amanota 10)

Gutegura indyo yuzuye :

- Kuba irimo ibyubaka umubiri n'ingero zabyo
- Kuba irimo ibirinda indwara n'ingero zabyo
- Kuba irimo ibitera imbaraga n'ingero zabyo
- Kuba iteguranywe isuku

Kubahiriza imbata y'umwandiko hakanakosorwa amakosa y'imyandikire n'ay'inozamvugo. **(amanota 10)**

GS GIKOMERO

Downloaded by HAGUMA ANACLET on Thu, 20 Jun 2024 06:34:06 CAT